



Kanama 2024

ikinyarwanda

# Yego, waratowe!

---

„Nabahisemo!“ (Yh 15,16)

**Kontakt:** Meinolf Wacker  
Kirchplatz 7  
59174 Kamen

Mobil.: +49-172-5638432  
Mail: [meinolf.wacker@go4peace.eu](mailto:meinolf.wacker@go4peace.eu)  
Homepage: [www.go4peace.eu](http://www.go4peace.eu)

Nshuti bakunzi ba go4peace,

„Ntibishoboka!“ uko ni ko dukunda kuvuga icyo dutunguwe n’ibintu bishimishije, waba utomboye nk’ikintu mu irushanwa ry’amahirwe cyangwa se uzamuwe ku ntera yo hejuru, utari ubyiteguye. Kuba ari nje watowe, kuba ari nje byaguyeho, ni agatangaza! Ubutumwa nk’ubu umuntu abwakira mu mutima buhoro buhoro.

Ni muri ubwo buryo butangaje ubutumwa bwa Yezu bwakiriwe n’inshuti ze: „Nabise inshuti. Si mwe mwantoye, ahubwo ni nje wabatoye, maze mbashyiraho kugira ngo mugende, mwere imbuto!“ (reba. Yh 15,16)

Umugore umwe yapfakaye akiri muto. Hari hashize ibyumweru byinshi umugabo we ashyinguwe. Nanyuzagamo kenshi uwo mugore nkamwoherereza amafoto ndetse n’amagambo y’ihumure. „Ngushimiye ubutumwa wanyoherereje! Bwazaga kenshi igihe nari mbukeneye. Ni ingabire mu by’ukuri! Ngushimiye mbikuye ku mutima!“ Uko ni ko yanyandikiye.

Ndakunzwe – bidashira kandi byihariye. Hari Imana ingenera byose kuko gusa inkunda. Kandi yarantoreye kuba ishuti yayo kugira ngo mbonereho no kuba inshuti y’abo yaremeye bese. Birashoboka ko na we watanga iki gisubizo nonaha: „Ntibishoboka!“ – **Yego waratowe!**

Ku bw’itsinda go4peace

Meinolf Wacker